REPUBULIKA Y'URWANDA
INTEKO ISHIN GA AMATEGEKO
SENA

GAHUNDA Y'INTEKO RUSANGE YA SENA YO MU CYUMWERU CYO KUVA KU ITARIKI YA 19 KUGERA KU YA 23 KAMENA 2017

KU WA MBERE TARIKI YA 19 KAMENA 2017 I SAA CYENDA (15H00)

1. Gusuzuma ishingiro ry'imishinga y'amategeko ikurikira:

   - Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga nº144 yerekeranye n'Inama Nyunguranabitekerezo ku Mategeko Mpuzamahanga y'Umurimo hagati ya Leta, Abahagarariye abakoresha n'Abahagarariye abakozi, yemerejwe i Génève, mu Busuwisi n'Inama Nkuru ya 61 y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo, ku wa 21 Kamena 1976;

   - Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga nº150 yerekeranye n'imigendekere myiza y'umurimo, yemerejwe i Génève, mu Busuwisi n'Inama Nkuru ya 64 y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo, ku wa 26 Kamena 1978;

   - Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga nº154 yerekeranye n'imishyikirano rusange igenga umurimo, yemerejwe i Génève, mu Busuwisi n'Inama Nkuru ya 67 y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo, ku wa 19 Kamena 1981;

   - Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga nº155 yerekeranye n'Ubuzima n'Umutekano by'Abakozi, yemerejwe i Génève, mu Busuwisi n'Inama Nkuru ya 67 y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo, ku wa 22 Kamena 1981;

   - Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga nº181 yerekeranye n'Ibigo byigenga bishakira abakozi akazi, yemerejwe i Génève, mu Busuwisi n'Inama Nkuru ya 85 y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo, ku wa 19 Kamena 1997;

   - Umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano Mpuzamahanga nº187 yerekeranye no guteza imbere ibyerekeye Ubuzima n'Umutekano ku kazi, yemerejwe i Génève, mu Busuwisi n'Inama Nkuru ya 95 y'Umuryango Mpuzamahanga wita ku murimo, ku wa 15 Kamena 1976.

2. Kwemeza inyandiko ivunaguye y'inama y'Inteko Rusange yo ku itariki ya 07 Kamena 2017 (15h00).
3. Kugezwaho raporo za Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu n'Imari zikurikira:

   - Raporo ku isuzumwa ry'umushinga w'ingengo y'imari ya Sena y'umwaka wa 2017/2018.
   - Kwemeza ibitekerezo bya Sena ku mushinga w'itegeko rigena ingengo y'imari ya Leta y'umwaka wa 2017/2018.

4. Kwemeza inyandiko ivunaguye y'inama y'Inteko Rusange yo ku itariki ya 08 Kamena 2017 (15h00).

KU WA KABIRI TARIKI YA 20 KAMENA 2017

I SAA CYENDA Z'AMANYWA (15H00)

- Kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imibereho myiza y'Abaturage, Uburenganzira bwa Muntu n'Ibibazo by'Abaturage ku gikorwa cyo gukurikirana uko ihame ryo kurandura burundu ivangura n'amacakubiri no kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda rishyirwa mu bikorwa, hibandwa ku rugero rw'Itorero ry'Igihugu.
- kugezwaho raporo y'ubutumwa Visi Perezida wa Sena, Hon. GAKUBA Jeanne d'Arc yagiyemo mu nama y'Inteko Rusange ya 136 y'Ihuriro ry'Inteko Zishinga Amategeko ku Isi (IPU) n'izindi nama ziyishamikiyeho yabereye i Dhaka mu Gihugu cya Bangladesh kuva ku itariki ya mbere kugera 05 Mata 2017

KU WA GATATU, TARIKI YA 21 KAMENA 2017 I SAA CYENDA (15H00)

- Kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Iteramberere ry'Ubukungu n'Imari ku gikorwa cyo kumenya no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma muri gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyombonera cy'inganda

KU WA KANE TARIKI YA 22 KAMENA 2017 I SAA CYENDA (15H00)

- Kugezwaho ibisobanuro mu magambo by'uhagarariye Guverinoma ku mpamvu amategeko n'amabwiriza ajyanye no gutwara abantu n'ibintu atarashyirwaho.

KU WA GATANU TARIKI YA 23 KAMENA 2017 I SAA TATU (09H00)

1. Kwemeza umushinga w'itegeko ryemera kwemeza burundu Amasezerano yo kohererezanya abakekwaho ibyaha n'abahamwe na byo hagati ya Repubulika y'u Rwanda na Repubulika ya Congo, yashyiriweho umukono i Brazaville muri Repubulika ya Congo, ku wa 09/11/2013;
2. Kwemeza inyandiko ivunaguye y'inama y'Inteko Rusange yo ku itariki ya 13 Kamena 2017 (15h00).
3. Kugezwaho raporo z'ubutumwa mu mahanga zikurikira:
   - Raporo y'ubutumwa Intumwa zihagarariye Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda muri PAP zagiyemo i Midrand/Johannesburg muri Afurika y'Epfo kuva ku itariki ya 03 kugera ku ya 11 Werurwe 2017, kwitabira imirimo y'inama y'Inteko Rusange idasanzwe n'inama za Komisiyo by'Inteko Ishinga Amategeko Nyafurika ya 4;

   - Raporo y'ubutumwa Intumwa zihagarariye Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda muri PAP zagiyemo i Midrand/Johannesburg muri Afurika y'Epfo kuva ku itariki ya 08 kugera ku ya 19 Gicurasi 2017, aho zitabiriye imirimo y'inama y'Inteko Rusange, imirimo y'inama za Komisiyo zihoraho za PAP n'iz'Amahuriro y'Uturere.

MIGAMBI Joseph
Table Officer a.i

CYITATIRE Sosthène
Umunyamabanga Mukuru

wa Sena